HABIMFURA Léon.-
Greffappel.-
NYABISINDU.-

Nyabisindu le 29/2/1968.-

BIMENYESHEJWE BA NYAKWUBAHWA:

I M P A M V U:

Kwibutsa ibaruwa ye kuwa 5/1/1968.-

Bwana Prezida wa Republika y'u Rwanda.-
i
K I G A L I.-

Bwana Prezida w'Urukike rw'Ikirenga;
i
N Y A B I S I N D U.-

Bwana Visi-Prezida w'Urukike rw'Ubujulire ;
i
N Y A B I S I N D U.-

A ... Date ... - 6 MAR 1968
No Classement: 945

-Kuli Bwana Ministre w'Ubutegetsi n'Ubucamanza;
i
K I G A L I.-

Bwana Ministre;

Nkulikije ibaruwa nabandikiye ye ku italiki zavuzwe haruguru; Mu magambe magufi,kandi atarendegeye;mifuje kubasaba ibi bikulikira:

Ndibaza ke iye baruwa yabageze he oyangwa ke hari ukundi byagenze;kuke hari ubwe bayishyira muli (Classement)itabgeze he,ubwe nkabona ke ariye mpamvu ntabonye igisubize cy'Ingingo 4 nabasabaga kuzamenyesha;

Cyangwa byaterwa n'impamvu z'imilimo myinshi mwaba mwaragize muli iki gihe,kuko mwari mu intangirire y'umwaka byatuma habenaka impamvu myinshi zabahuza;

Bwana Ministre nkaba nongeye kubasaba ke niba bishobeka ke mwampa igisubize cy'iye baruwa,nkamenya ukuli kwaho ngomba kwerekera; oyanga nkemera Kureka kuzandika bundi bwa kenshi;

Ubifuriza amahoro itaka Twifuza;

HABIMFURA Léon.-
Leonyabm-Juro

HABIMFURA Léon.-
Greffier;
à
**NYABISINDU.-**

Nyabisindu le 5/I/1968.-

**-BIMENYESHEJWE BA NYAKWUBAHWA:**

√ -Bwana Prezida wa Republika y'u Rwanda.-
i
**KIGALI.-**

-Bwana Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga.-
i
**NYABISINDU.-**

-Kuli Bwana Ministre w'Ubugengagihugu n'Ubutabera.
i
**KIGALI.-**

**IMPAMVU:**
Gusaba igisubizo oy'urubanza Aff.1313/112.-
HABIMFURA C/ NIYONZIMA.-

A traiter par: [signature]
Date entrée: 19 JAN 1968
No Classement: 284

01-07

-Bwana Ministre;

Nkulikije amabarwa abansiriza iyi mbandikiye,atagira umubare; aruta 'amezi ashize urubanza rwanjye rukijijwe;

-Ibaruwa zaturutse muli "Cour -Suprême i Nyabisndu;
-Ibaruwa zaturutse muli Cour d'Appel i Nyanza,na za Télégrammes;
-Ibaruwa nagiye mbandikira ubwanjye,nizindi nohereje muli Buro y'ibibazo i Kigali;

Natekereza igihe oy'imyaka 5 ishize urubanza rukijijwe,n'ingendo naje ho i Kigali ari urwo rubanza nkulikiye yo;ariko byose nkaba ntagisubizo nakimwe;

Nkulikije ijambo Prezida KAYIBANDA avuga ati"UKULI GUCA MUZIKO-NTIGUSHYE;

Nanjye nkulikije izo mpamvu zose navuze haruguru;Nkubitiye ho ko n'AKARENGANE kavuye ho m'u Rwanda rw'Ingenga muli Démocratie;

Ndibaza kandi ko mu Abavanye UBURENGANE m'u Rwanda ,Ushatse kuri Liste y'abatangiye mbere,ntabura mo,mu abasobanuraga uko Gatutsi yatugize-Ibikoresho,ubu tukaba dushyira tukizana;

-Bwana Ministre nkaba nifuza kugusaba ibintu 4,byashoboka mukazampa igisubizo;

1°-Hashize imyaka 5 Urubanza rwanjye rukijijwe,ubwo IRANGIZA rya Urwo rubanza ryabujijwe nuko hari uwarujuliriye,muli "Cour de Cassation Elargie??ngo nshobore gutegereza kuzongera kuburana?

2°-Buget ya Leta ntibaho iteganijwe za Dépences imprévues? ko kandi ari no mu ntangiriro y'umwaka,ubu ba Députés akaba aribyo bagiye kuzasuzuma?muli uyu mwaka wa AMAHORO wa 1968.-Ejo ntavaho ntakara kuli iyo Buget;

38-Ko Muvuga ko NIYONZIMA atabitse ayo mafaranga tuburana,amafaranga ari kuli Quittance n° 847/17 na Quitance n° 777/16 muli L.C n° 1261/16 na L.C. n° 1179/16 yo ku italiki ya 20/1/1961 no ku italiki ya 2/2/1961, mu isanduku y'urukiko rwa Chefferie ya Marangara(Gitarama)ubwo yajyanywe mo nande?ntageze kuli 2.360frs,ayo ananiwe kuba yakemura Umuntu,andi se yo yahejeje mu amaboko y'abaturage yo yayahereje mo iki?Nkubwo nzira iki kurengana bigeze aho,niki nenonye muli Republika?

4°-Ni irihe tegeko mushingira ho ry'igihano kingana nki icyo mwankoresheje,(10.750frs)ry'uwashinze Urukiko rutemewe,kandi nari Umuyobozi wa-Komini,ngafatanya n'Inama ,hamwe tukiyemeza gushyira ho urwo rukiko,ariko akaba arijye uva muli bo ngahanwa,bica umutwe,nkibaza aho irye tegeko ryanditse n'igitabo ryanditse mo,n'umwaka icyo gitabo cyanditswe mo,kugirango mushingire ho kutansubiza amafaranga yanjye natsindiye? Art 250 et 251 du C.C.C,ivuga bikeya?

-Abanyarwanda bavuga ko ntawe uburana n'UMUGAGA,igisigaye mukuzampitisha ho imbdoka ye og iy'undi babana;kugirango hatazagira uyakulikirwa;

......../...........

Nkubwo iyo mubireba mukabitekereza mwibaza ko byamera bite? Exécution kugirango itungane ni bande batanga ingero? Abaturage banze kwishyura imanza batsindiwe ubwo hari ugukulikiranwa kwababaho? nk'amagarama natanze mu inkiko zibanza nzayabonesha iki?

Reka ndengane,ndazira ko iyo ntitabaza inama ngo icyo gihe igire icyo ibigera ho,Komini iba yarahindutse UMUTUKU;kubekubera ubwambuzi bwari ho,budafite aho bushingiye;

Baca umugani ngo Ubuze ay'iburyo,akama ay'ibumoso; Kuko ntabura amafaranga yanjye yabikijwe uko ari 2.360frs,kandi ngo mbure n'amafaranga 8.390frs yaheze mu intoki z'abaturage ahejejwe mo na NIYONZIMA;kandi nta cyaha namugiriye,kandi nta n'umuntu yarasanze nishe; Mbese iyo amfunga,ariko ntanyamburo icyari kuntunga;nari kuzavuvamo,ariko ngasanga ayo mafaranga akantunga n'umugore n'akana;

Bwana Ministre Kuvuga menshi siko kuyamara,icyo nabasabye nuko ni muramuka murebye ko ari ngombwa kunsubiza;ntegereje igisubizo cyanyu;

Ubifuriza Umwaka mushya w'amahoro wa 1968;k'Umulimomushinzwe;

HABIMFURA Léon.- Greffier;

Léonyabimfura